Ee... urakoze Noheli, ntabwo njyewe byantangaje kuko atari ubwa mbere ntewe. cyane cyane n'abantu bafite intwari, ubu ibitero simusiga bimaze kuba inshuro ebyiri iwanjye, ee... ba... ubwa mbere baraje ndabacika, isaha yanjye iraturika ngira ngo urabibona ko yaturitse, narabacitse nikubise ku ... (inaudible) isaha iraturika, ejo rero guhera ku manywa, niriwe mbona ibimenyetso bisa na byo abantu bampagarika buri kanya ntazi, bati "dutware", noneho nkanga kubatwara kuko numvaga atari ngombwa, ee... ku mugoroba nigira mu mupira, nari ndi kumwe na Kantano ku... mupira twicaranye, twatashye hafi mu ma saa kumi n'ebiri, iwanjye haza... nageze mu rugo bambwi... nsanga abantu baremye, havuye Abaminwari bari baje...

- **Orateur HITIMANA Noël:**

Abaminwari, Ababiligi?

- Ababiligi, bayoboye abantu bane. Abo bantu bane bari bayoboye rero, bamaze kubona abaturage bahuruye kuko bafonsheje bashaka kwi... (interruption)

Fin de la face A.

FACE B.**- Orateur Gaspard UKWIZAGIRA:**

...barafilima ku muryango, donc bashaka gufotora kugira ngo abandi bazohereza bazamenye ahantu babohereza. Abaturage babokeje igitutu, bafata umwe muri abo bane bari kumwe "bamuproteja" n'imbunda bamwinjiza mu modoka zabo bari bafite imodoka ebyiri, gusa ibyago nagize ni uko nta wigeze afata numero zabo kuko babateye ubwoba ku buryo babuze ukuntu...

- Abo Babiligi?

- Abo Babiligi babateye ubwoba, ...

- ngo barimo Majoro...

- Barimo Majoro...

- Stephane...

- Sitefano, ufite numero za telefone umunani mironko itanu na rimwe zeru gatatu, ariko i... izi numero zatanze no... n'umwe muri abo bafashwe, ntabwo jye ne...nemeza ko wenda zaba ari zo

kuko bashobora kuzisobanura kuko bari mu maboko y'ubutegetsu.

- Hum. Ha... harimo abafashwe?

- Ba... bafashwe, hafashwe batatu, ni bo baraye... baraye mu maboko y'ubutegetsu. Muri abo ngabo basigaye ariko umwe, ntazi icyo ari cyo, w'umwirabura bajyanye, we bamutwaye ngo n'imbunda, njye sinari mpari nabibwiwe... n'inkuru bambwiye nkihagera, bamwinjije mu modoka, noneho bamutwara, kuko abaturage bari bamaze kubotsa igitutu bashaka kubafata n'abo Babiligi, bose bariruka barahunga. Abo basize batatu ni bo bashoboye gufatwa, babajyana kwa Konye, noneho Konye abajyana kuri Segiteri, noneho Segiteri itelefona kuri Prefegitire, bohereza ee... abapolisi baza kubafata, uyu Burigadiye witwa BUCYANA Maritini ni we waje ayoboye abapolisi.

- Humu.

- Babanje kubajyana kuri Prefegitire ariko amagambo yabo bavuga ubwabo aravuguruzanya. Bamwe... umwe ati "nagiye kumureba mu Gatsata", mu kanya ati "duhuriye mu muji", noneho bati "twanyuze... n'ubu bari banyuze ku magazini ubundi baje... bari bazi ko nkora ku Isabato, samedi sinkora, bahageze bambuze, noneho bagaba igitero mu rugo.

Ku byo bavuga n'imbunda, imodoka zabo zari zifite imbunda bahise bazirebesha mu muryango iwanjye, n'indege yabo ya MINUAR na yo yamaze hafi nk'iminota cumi n'itanu izunguruka hejuru y'inzu yanjye. Ntabwo rero numva impamvu kuko ee... ngira ngo ubushize bari bavuze ko jye ikibazo mfite ni uko... gupfa ntabwo ari bibi kandi buri muntu wese agomba gupfa, ariko gupfa wi... uzize ubusa ni cyo kibazo. Ubushize ngira ngo ee...

- Nk'ubu nkawe...

-Yee.

- urazira iki ko uri umucuruzi?

- Njye ndacuruzza nta bintu bya politiki njyamo. Ariko ubushize Muhabura yarihanukiriye iravuga ngo "njyewe", ngo "ni njye wateze Inkotanyi zivuye i Byumba", ngo "ni... mfite za grenades mu rugo", ngo "imbunda ni ho zistotse", ibintu byose. Nta mbunda, nta grenade, abakozi baba iwanjye ni abakora ku mashini yo gusya gusa. Kuko aho imashini zanjye ziri ni aho ntuye ntabwo ndahimuka. Ku buryo rero kujya... kuba bafashe ibyo bintu none bakazana n'abo... déjà nk'uwo ngo ni Majoro. Kubona Majoro ayobora igitero iwanjye, ntabwo byumvikana.

- Majoro w'Umubiligi?

- Majoro w'Umubiligi! Baravugaga ko ari Umubiligi, da...nk'uyu nguyu urabona bamu... basigaranye ikintu cye cy'intuza cyaa...

- Permis de résidence?

- Permis de résidence yo mu... yo muri mirongo cyenda na rimwe, ibindi byangombwa sinzi ahantu biri, we akavugaga ko ngo bariganye n'uwo mu Majoro w'Umubiligi. Ubu ni byo asobanura. Abantu bashinzwe umutekano rero ubushize bara... baranteye, banteye abantu barabarekura, noneho abari baje kunyica, njye sinigeze mbona igisubizo cyabo. Ndishingana hanyuma ...(inaudible) noneho muri Présidence, ee... kwa Ministre w'Intebe hirya no hino, mbe ntaho ntazitanze, ariko nta gisubizo nigeze mbona. N'ubu barongeye baraza, n'ubu mu kanya wakumva ko... babarekuye, badasobanuye impamvu. Gupfa gusa, jye icyo mvuga nasaba Leta y'u Rwanda ni uko nibura wenda nk'abantu bapfa, twese tugomba gupfa n'ubundi, n'ubundi n'iyi batatwica tuzapfa. Ariko n'imfubyi twasiga, Leta y'u Rwanda ikajya izimenya kuko dupfa tuzize ubusa, kandi tuzira politique yabo

badashyiraho. cyangwa badashyira mu bikorwa. Bakaba bagombaga kutumenya kuko nk'ubu ngubu wenda ndavuga nti "none ndapfa cyangwa ejo nzapfa", ngahora mvuga ngo nzapfa simba mu rugo, ukicara buri munsu none no... si...bakakwicira mu nzira ugenda ibyo ni ibibazo bimaze... bimaze kuba birebire. Ugasanga rero ibyo bibazo bagombye kumenya ko aba... nkatwe dufite ibibazo cyane, jyewe kuvuga ngo ndatega imodoka y'Inkotanyi, nateze imodoka ifite amasaka yo ngi... mfitemo inyungu! Izo Nkotanyi ndazishakaho iki? Ko ibyazizanye simbizi, zi...bafite gahunda zabo bagenderaho. Gahunda zanjye ngenderaho ni ugushaka amafaranga no gutunga umuryango wanjye, no gufasha abavandimwe n'abandi mumva ba ngombwa.

Gutega rero... ibintu bya politike rwose kugeza ubu ndacyabivugaga ko nta byo ndimo babimvanemo. N'ababitekereza ko mbiremo, wenda nshobora kuzabijyamo kuko urabona ko batangiye kubinshyiramo mu buryo bwo mu rwego rwo hejuru, ee... nk'ubwo n'ibinyamakuru bisohoka bisohoka bikavugaga bita "HABYARIMANA avuye mu rugendo mu Bugande no muri Tanzaniya, abantu bashinzwe kwicana ni aba: ...". Nkajya ku mwanya wa mbere, kwicana mu Gatsata. Ngaho rero. Umwanya wa mbere mu Gatsata aba ari jyewe ufite umwanya wo kwicana ngo bagiye baha amafaranga. HABYARIMANA ndamuzi tu... tu...twagiye duhurira muri za expositions ariko ntabwo turicarana ngo tuganire! Ni ikibazo. Kuvugaga ngo ba... bampa amafaranga! Nta yo nabonye! Uretse ko nta n'ayo nshaka yo kwicana! Kandi ndumva nta n'undi wayatanga yo kugira ngo bicane! Niba binabaho jye nta byo ndabona! Nta bushobozi mfite! Ibyo rero ni ikibazo, ibindi bikaza bita "grenades zirarunze mu rugo"! Bazaze bazifate niba bazi aho ziri! Nkumva rero jyewe rwose icyo nsaba cyari mbere ni uko, ari Inkotanyi, ari na Leta y'u Rwanda, bagombye kumenya niba umuntu ari umucuruzi ntibamujyane mu bintu byabo. Bo bazi... bo... niba ari FPR ifite icyo ipfa na Leta y'u Rwanda cyangwa na Guverinoma y'u Rwanda, nibabijyemo babirangize, aho gushora abantu b'inzirakarengane mu bintu byabo. Cyangwa se bice bagire aho barambirirwa wenda bareke abasigaye basigare. N'ubundi gupfa abantu bose bazapfa ariko abazicwa n'intambara, ariko igihugu cyose ntabwo kiza... kizicwa n'intambara!

- Oya ni ko nababwiye, narababwiye nti n'uwafata Abatwa bo mu Rwanda ni bo bake, nta wabatsemba ngo abice abamare, ntibishoboka. Nta kuntu Hitler atishe Abayahudi (Abajuwifu), nta kuntu atabishe....abashyira muri za camps de concentration, abashyira mu biki, muri za fours crématoires, mu biki, ariko aba... Leta ya Isiraheli iriho, kandi ni Abayahudi! Ntibakiriho se?

- Yee, abicwa n'inzara ni bangahe?

- None se nyine.

- Barapfa. No... na bo nta ki... nta kindi kindi, niba wishwe n'inzara urapfa ugapfa nk'uko uwishwe n'isasu na we ashobora gupfa, ni bimwe... iyo upfuye uba upfuye ariko tuzapfa ni byo ariko bitwica urubozo.

- Aho Inkotanyi zanyuze ari mu Mutara, ari muri Byumba yose, ari mu Ruhengeri kuva ku birunga anyuze muri Butaro ukagera mu Kidaho ukagera hariya mu Ruhengeri mu muji, abantu bara... bararashe abantu barapfuye benshi. Ni na byo tuvuga tuti "umunsi umwe bazabibazwa". Ariko se ko ba...bishe bakarundanya ugasanga imirambo iri hejuru y'indi, ugiye mu... mu Kidaho cyangwa ugiye muri Butaro wasanga abaturage batahari? Baracyariho, ntabwo wabamara. Ba Noheli bazapfa, UKWIZAGIRA Gaspard na we uyu azapfa, buri muntu afite umunsi ntawuwurenga, ntawurenga, ntawurenga ku munsi. Ariko ikibi ni uko waba ugira uti "njye bandiho. Bandiho se kubera iki"?

- icyo ni ikibazo mfite ko buri munsi njyewe ikintu nkora no ni... niba namamaza ibintu ncuruza, kwamamaza ntabwo ari politiki, ni ugucuruzi, ni nko kujya kurangura, ukarangura ibintu byihuta ugashyira mu magazini ugacuruzi. icyo ni cyo kintu maze, niba rero ibyo ngibyo ari byo bashobora kunziza na byo nzemera mbizire kuko nta kundi byamera! Ariko gusa icyo mvuga ni uko ee... abashinzwe umutekano ari n'abaprefegitire n'abafasha b'abantu bagomba kubabaza uyu Majoro wo Nkota...non...wo mu... wo mu ...muri... wa...

- muri MINUAR.

- wa MINUAR witwa Sitefano niba koko ari byo izi nimero batanze umunani mirongo itanu na rimwe zeru gatatu ari ize, bakamubaza icyo gitero yagabye iwanjye n'imodoka ebyiri ari kumwe n'abandi Baminwari (MINUAR) bagenzi be icyo cyari kigamije.

- Orateur NKURUNZIZA Ananie, journaliste de la RTL:

Muri kumwe na NKURUNZIZA Ananie ubagezaho amakuru y'ingenzi yavuzwe mu gice cya kabari cy'uku kwezi kwa Werurwe turangije.

Kuri cumi na gatandatu Werurwe, twaguye mu cyunamo kubera urupfu rutunguranye rwa Nyakwigendera NYIRINKWAYA n'umufasha we, hamwe n'abandi bakozi bo mu cyayi cya Cyohoha-Rukeli, bahitanywe n'Inkotanyi.

Bukeye bw'aho MRND yashyize ahagaragara itangazo ryamagana ayo marorerwa, naho Madamu Ministre w'Intebe Agata UWILINGIYIMANA aryumaho kugira ngo atiteranya n'inshuti ze.

Uwo muni kandi, Guverinoma ya Kenya yirukanye Umudagekazi wari uhagarariye Umuryango Fondation Friedrich Neuman muri icyo gihugu. Uwo Mudamu yazize kwivanga mu bibazo by'icyo gihugu bitamureba. Nyamara, bamwe mu banyamahanga ino bigize akari aha kajyahe, nka wa mupadiri wo ku Kicukiro w'umuzungu bahora bavuga ngo udashobora guhaza *Interahamwe*.

Kuri cumi n'umunani Werurwe, Nyakubahwa Ministre w'Intebe washyizweho yatangarije kuri radiyo amazina y'abagize Guverinoma, kandi yirinda kuvuga za Ministeri bashinzwe, birumvikana agamije kuturekera mu gihu.

Madamu Ministre w'Intebe uriho si we warose bucya, maze na we atangariza kuri iyo radiyo amazina y'abagize Inteko ishingira amategeko y'inzigabacyuho.

Kuri cumi n'icyenda Werurwe Koloneli KANYARENGWE yasuye Muvumba Project. Muvumba Project ni umushinga ngo wagenewe ee...gufasha abana bamugajwe n'intambara, abana euh... barwanaga mu Nkotanyi.

Avu... abuze icyo avuga kindi, yikomye HABYARIMANA, yikoma MRND, yikoma CDR, yikoma "Abapawa". Murabona rero ko iliste y'abo Chairman yikomye igenda iba ndende. Aho bukera azikomira n'Abanyarwanda bese.

Ku wa makumyabiri Werurwe, Congrès ya MRND-Gisenyi yarateranye, maze itorera Bwana GAHAMANYI Lewopolidi kuba asimbuye by'agateganyo Bwana MUGESERA Lewo. Muhabura, Radiyo Muhabura yavu... yabyutse ivuza iya bahanda ngo MUGESERA ntagomba kugaruka mu nzego za MRND ngo kubera ko yagiye atutse Abatutsi.

Kuri uwo munzi twamenye ko Guverinoma y'u Burundi yari yashyize ahagaragara umushinga w'Iteka rishyiraho Umutwe w'ingabo zihuje Abahutu n'Abatutsi kugira ngo urinde inzego remezo z'igihugu. Uwo Mutwe ukaba waragombaga kugabwa na Perezida wa Repubilika ubwe. Byabaye rero nko gukoza agati mu ntozi, kuko ba basirikare b'ibyihebe bongeye kugota amakaritsiye amwe yo mu mujyi wa Bujumbura, bahitana Abahutu basaga magana ane. Ubwo... hari kuri makumyabiri na kabiri, ndetse muri iryo joro bakaba baravugaga yuko ako gatsiko k'abasirikare b'Abatutsi bashatse gukora coup d'Etat.

Tukiri kuri uwo muni rero mu ishuri ryo mu Kayanza, abanyeshuri mirongo itanu b'Abahutu barikuye bakiza amagara yabo. Umunyamakuru wa Radiyo Bujumbura we yatangaje ko baje mu Rwanda guto... gutara umwuka w'amacakubiri maze ngo bazawusubirane iwabo mu Burundi.

Tugarutse... inyuma gato ku itariki ya makumyabiri na rimwe Werurwe mirongo cyenda na kane. Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, mu rwego rwo gukomeza kureba uko igihugu cyava mu gihirahiro, yakiriye ba Ministres b'Intebe bombi. Abibutsa ko ibibazo bikiri mu mashyaka amwe n'amwe bigomba gukemurwa vuba kugira ngo izo nzego zijyeho.

Naho kuri makumyabiri na kabiri Werurwe twavugaga, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yari yakiriye intumwa z'ibihugu by'inshuti byakurikiranaye hafi imishyikirano ya Arusha, baganira ku kibazo cy'inzeho z'inzibacyuho.

Kuri makumyabiri na gatatu Werurwe, Madamu Ministre w'Intebe yakiriye intumwa z'ibihugu by'inshuti, zimugira inama yo gushyira imbere imishyikirano aho gutera ngo yiyikirize, nk'aho ari wenyine. Ibyo byabaye nimumpane vuba nigendere.

Uwo muni havutse Radiyo Galaxie ihagarariwe na Bwana NTAKIRUTINKA Charles, uyu wari warigize umujyanama n'umuvugizi w'Inkotanyi ubwo twari mu mishyikirano ya Arusha, kandi yitwa ... ko ari mu ntumwa z'u Rwanda. Iriya radiyo ngo yaba irimo imigabane ya KAJEGUHAKWA. Ngira ngo ababivuga ahari aho babikura kuri ririya zina ryayo rya Galaxie.

Kuri makumyabiri na kane Werurwe, Radiyo Muhabura yibasiye ishyaka CDR. Iirega ubwicanyi. Kuva uwo muni abakurikiranira hafi politike y'iki gihugu cyacu, bumvise ko hari ikintu kirimo guhinduka. FPR n'ubwema bwayo, FPR ubundi ivuga ko igomba kuvugana na Leta na Guverinoma gusa, FPR rero yaciye bugufi ivugana na CDR. Bityo ku mugaragaro, ishyaka rivuga ko rihagarariye inyungu z'abantu bake ryahuye n'irihararira inyungu zo... za... z'abantu benshi, baravugana, baraganira.

Ntibyatizze rero, twumva ko FPR iri mu mishyikirano na CDR, ndetse twe twumva ko ibintu bigiye

kujya mu buryo.

Kugira ngo iyo mishyikirano ye gukomeze, byabaye ngombwa ko Tito RUTAREMANA ahimba ibinyoma abikubita aho, ati “ntabwo twakomeza gushyikirana na CDR, kandi yarishe abantu mu Bugesera, i Gishyita, Rwamatamu n’ahandi”. Nta Munyarwanda bitasekeje uretse Madamu UWILINGIYIMANA wavuze ati “ndiyo Bwana, koko CDR yaratsembatsembye”.

Dutinze hariya gato rero koko, nta we bitasekeje, kumva na n’ubu FPR igitsimbaraye ivuga ko CDR yishe abantu, ndetse ikavuga n’abo muri Gishyita.

Tugarutse kuri abo mu Gi... muri Gishyita, euh...mu kwezi kwa cumi na kumwe kwa mirongo cyenda na kabiri twari Arusha, twaganiriye na MAZIMPAKA ngira ngo aracyabyibuka, ku byerekeranye n’abantu bari barishe abantu bo muri Gishyita. Abo bantu rero sinirirwa mbitindaho. barafashwe barafungwa, ndetse bacirwa imanza n’urukiko rwa Kibuye, nta *Musederi* (CDR) n’umwe wari urimo.

Kuri makumyabiri na gatanu Werurwe, Radiyo Muhabura yatangaje ko imvururu zakwiriye mu gihugu cyose. Ko otobisi za ONATRACOM ngo zirimo zitunda amatoni n’amatoni y’intwaro, intwaro zigemurirwa *Interahamwe* mu maperefegitura. Izo mvururu rero ubwo zitariho, zari mu cyifuzo nibura cy’*Inkotanyi*.

Uwo muni na none Muhabura yarangaga imvururu, ni bwo inzego z’inzigabacyuho zagombaga kujyaho. Perezida wa Repubulika n’abandi bose bari bahari. Inkotanyi aba ari zo ziha kubura. Zashatse rero kwitwara nko muri ya mishyikirano ya Arusha, ubwo igihe abandi bose babaga bateraniye muri salle de conférence, barimo intumwa z’u Rwanda, barimo intumwa z’inshuti zakurikiranaga iyo mishyikirano, abahagarariye FPR yo ba BIZIMUNGU Pasiteri, babaga bashashe “amasuwime” kuri Piscine ya hoteli Montmeru biyotera umuyaga, bateze ngo ko baza kubingira.

Ku wa makumyabiri na gatandatu Werurwe, Madamu Ministre w'Intebe yo... yongereye ubukana, ateguka ko inzego z'inzibacyuho zizajyaho ku wa kabiri, ku wa mbere nako, tariki ya makumyabiri n'umunani Werurwe byanze bikunze.

Mu ibarurwa...mu ibaruhwa y'ako kanya, FPR yamumenyesheje yuko itazaboneka. Ko ahari aho yazaboneka kuri makumyabiri n'icyenda bukeye. Madamu ibyo ntiyabikojejwe. Yashushe n'aho iyo baruwa atayibonye.

Ku wa makumyabiri na karindwi Werurwe, *Inkotanyi* zahagaritse imishyikirano zagiranaga n'*Impuzamugambi*. Tito RUTAREMARA abyonona byose, aharabika *Impuzamugambi* karahava.

Kuri uwo muni hongeye kuvugwa imvururu muri Kamenge ya Bujumbura, Perezida MUSEVENI na Perezida MWINYI batangaza ko hakwiye guterana inama y'ibihugu byo muri aka karere bakiga ikibazo cy'u Burundi. Ubwo birumvikana ko MUSEVENI ashaka kucyivangamo ku buryo bw'umugaragaro.

Kuri iyo tariki ya makumyabiri na karindwi Werurwe kandi, inkubi y'umuyaga yahushye mu majyepfo ya Leta zunze ubumwe z'Amerika, ihitana abantu cumi na barindwi muri Leta ya Alabama bagwiriwe n'igisenge cy'urusengeru barimo basenga.

Kuri makumyabiri n'umunani Werurwe, ya mihango ya Madamu Ministre w'Intebe ya byanze bikunze inzego z'inzibacyuho zigomba kujyaho, iyo mihango rero ntiyabaye. Ariko Madamu yanze kuviramo aho, afata ijambo, ati "murabona ko ari Perezida wa Repubulika wabuze". Ati "se ko n'Abadepite b'Inkotanyi na bo nta bahari"? Ati "nimundeke mvuge ariko". Ati "ese ko abahagarariye ibihugu byabo na bo badahari". Ati "inshuti zacu ntizishobora kubura, ntizishobora kudutererana".

Uwo muni, kuri makumyabiri n'umunani, muri Yuganda habaye amatora y'Inteko ishingira

amategeko, izemeza Itegeko-nshinga rishya ry'icyo gihugu rica politike y'amashyaka menshi. Abakandida biyamamaje mu gihugu cyabo, kuko amashyaka yaciwe kera muri Yuganda. Igitangaje gusa, ni uko ibyo bikorerwa muri Yuganda byo guca amashyaka menshi ngo bishyigikiwe n'abazungu.

Kuri uwo wa mbere, Nyakubahwa Bwana Booh Booh, we n'intumwa z'ibihugu bikomeye bidufasha, bemeje ko nta mpamvu n'imwe ibuza Impuzamugambi kwinjira mu Nteko ishingira amategeko y'inzigacyuho.

Kuri iki kibazo rero abasigaranye ingingimira, ari mu Rwanda, ari ku isi hose ni bake. Ni FPR, ni TWAGIRAMUNGU, ni NZAMURAMBAHO, ni NAYINZIRA na NDASINGWA.

Kuri mirongo itatu na rimwe Werurwe twafunze ukwezi nabi kubera urupfu rutunguranye rw'umurwanashyaka KATUMBA wa CDR warashwe n'abagiranabi. Byatumye abantu bibaza uko kwica abantu urusorongo aho bizagarukira.

Uwo muni kandi impande zombi zipfa ubutegetsi muri Zayire, zemeranijwe ko inzigacyuho izamara amezi cumi n'atanu, kandi umwanya wa Ministre w'Intebe y'inzigacyuho, ko bitari ngo... ko bitari kamara ko wakwegurirwa Etienne Tschisede...Tschisekedi. Ni aho ubutaha, mwari kumwe na NKURUNZIZA Ananie.

- Orateur HITIMANA Noël, journaliste de la RTLM:

..n'abambari bayo bari muri PSD n'abantu bamwe ku giti cyabo ari bo Madamu UWILINGIYIMANA Agata, TWAGIRAMUNGU Fawustini, NAYINZIRA Nepomuseni na... NDASINGWA Landuwalidi wo... wo mu ishyamba PL-ntutsi, FPR ikoresha, ikaba ikoresha abo bantu, bishakiye ubutegetsi ku giti cyabo kugira ngo ishake uburyo yakwigarurira ubutegetsi muri

cy'ingingo ya mirongo itandatu n'imwe y'amasezerano arebana n'isaranganywa ry'ubutegetsi bw'inzibacyuho.

Mu byemezo byavuye... byavuye muri iryo genzura, biragaragarira mu gika cya mbere cy'ingingo ya mirongo itandatu n'imwe, no mu ngingo ya mirongo itandatu na kabiri ihamya umubare w'abadepte. Hemejwe ko amashyaka yari yemewe, icyo gihe yose na CDR irimo azajya mu Nteko ishingamategako. Ndetse no kuri listi iri ku rupapuro rwa gatatu rw'amahame azagenga amashyaka mu nzibacyuho, code d'éthique politique, CDR iriho. Igenzurwa ee... ry'imyubahirize y'amahame azagenga amashyaka mu nzibacyuho ryo rizakorwa n'akanama kareba ubwiyunge n'ubusabane bw'Abanyarwanda, gateganijwe mu ngingo ya mirongo inani na rimwe.

Birumvikana rero ko FPR nta burenganzira ifite bwo kwigira umugenzuzi w'amashyaka, kuko ahubwo na yo igomba kugenzurwa.

Icyo gatanu:

Ishyamba CDR ribonyeho gushimira Umuhuza n'ibihugu byose byakurikiranye imishyikirano ya Arusha, kubera ko bashyigikiye ko amashyamba yose harimo na CDR afite uburenganzira bwo kujya mu Nteko ishingamategako y'inzibacyuho.

Ishyamba CDR ryishimiye kandi kubona amashyamba cumi n'atatu kuri cumi n'atandatu yemewe, yemerewe kujya mu Nteko ishingamategako z'inzibacyuho, ashigikiye ko yinjira... CDR yinjira muri iyo Nteko mu ikubitiro, kandi nta yandi mananiza.

Biragaragara ko FPR isigaye ari yo yonyine mu buriganya bwo kuvutsa CDR uburenganzira bwayo, ikaba ari yo yonyine yabazwa itinda ry'inzibacyuho... z'inzeho z'inzibacyuho.

Ku byerekeye umutekano muke uri mu gihugu, ishyamba CDR riramagana Guverinoma iriho ubu

yanze gukora akazi kayo ikaba nta cyo ikora kugira ngo irengere umutekano w'abaturage. Ikihabaje ahubwo ni uko Minisitiri w'Intebe, Madame UWILINGIYIMANA Agata yishyize mu maboko ya FPR kandi azi neza ko ari yo yashoje intambara, yazanye ibyago bitagira inshi...ngano, cyane cyane ubwicanyi bw'inzirakarengane.

Ishyaka CDR ryongeye gusaba amashyaka agize Guverinoma iriho ubu ngubu gufata ibyemezo bihamye, ikanumvikana n'andi mashyaka mu gushyiraho Guverinoma ishoboye kurengera abaturage, ikabuza abicanyi ba FPR, escadrons de la mort gukomeza kubica urusorongo.

Iyo Guverinoma kandi igomba euh...guhagararira koko Abanyarwanda mu byerekeye gushyiraho inzego z'inzibacyuho, aho kubogamira kuri FPR.

Ishyaka CDR ryamaganye FPR kubera abayoboke baryo ikomeza kwica barimo Perezida w'aryo BUCYANA Martin na INGABIRE Alphonse KATUMBA abicanyi ba FPR bivuganye vuba aha ngaha tariki ya mirongo itatu Werurwe mirongo cyenda na gatatu.

Guverinoma nikomeza gutererana izo nzirakarengane, Impuzamugambi zizakoresha uko zishoboye kugira ngo zitabare, ziburize... ziburizamo... zitabare ziburizamo imigambi mibisha y'abicanyi ba FPR zitagishoboye kwihanganira.

Byakorewe i Kigali, tariki ya 2 Mata 94, ejo rero, CDR barasinye.

- Orateur Valérie BEMELIKI, journaliste de la RTL:

(Hymne national du Rwanda).

... amaze iminsi anyuraho kubera ikiganiro yagiranye n'abanyamakuru ngo ba Radiyo Rwanda (fond musical), bimaze iminsi binyuraho ubwo na byo wenda turi buze kureba icyo tubivugaho, ariko

kandi tunagaragaze ibintu bimwe na none agenda yirengagiza, murabizi hari byinshi yirengagiza, ubwo turaza na byo kubirebera hamwe, icyo nababwira ni nk'uko avugaga ko Inama y'Abaministre ngo itaterana ngo keretse ngo hari ikintu gikomeye ngo cya ngombwa, ngo nk'umutekano se ngo cyangwa inzara, ngo akaba yateranya ngo Akanama kabishinzwe, ariko nyamara mu itangazo ryasohotse tariki ya makumyabiri na karindwi z'ukwezi kwa Gashyantare ubwo habaga inama yari ihuje amashyaka yamuhaye iriya Ntebe, yamuhaye uriya mwanya, ikaba yari iyobowe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, itangazo rero ryasohotse muri icyo nama ntabwo ari ko ribivuga, nyamara kandi yarishyizeho umukono we.

Turaza rero kureba uko ribivuga, ndetse n'ibirego barega Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, muribuka ko muri ibyo... muri Radiyo Rwanda bavugaga bati "Perezida wa Repubulika we ngo abona PDI ngo na MDR bo bagifite ikibazo". Ubwo rero ntabwo ari Perezida wa Repubulika gusa ubibona, nyamara n'amashyaka, ba nyirubwite ubwabo barabyibonera, kandi na Agata arabizi, kuko no mu iryo tangazo babivuzemo.

Ubwo rero ibintu bagenda bomeka muri Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ee...ndi bugerageze kubiba...ku...kubereka ko mu by'ukuri ibyo bamwegekaho aba ari uku... aba ari amatakirangoyi, kuko biri buze gusobanurwa n'umuyobozi w'Ibiri muri Prezidanse ya Repubulika, ee...Bwana RUHIGIRA Enoki. Ubwo rero na byo ndi buze kubibahitishirizaho, kandi ndaza no kubashyiriraho ijamba rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ryuzuzaga, ryuzuzaga iryo tangazo ryari rikubiyemo imyanzuro yasozaga icyo nama. Ahubwo ni uko iryo tangazo ryasomwe mu rurimi rw'igifaransa, ariko kandi ibyo bari butubwire ni kimwe n'ibikubiye muri iryo tangazo usibye ko Nyakubahwa Prezida wa Repubulika abyuzuzaga. Ari umwu... ari umwuzuzo rero wuzuzaga iryo jambo.

Ubwo rero ayo makuru ndi buze kuyabagezaho igihe cy'amakuru nikigera, ariko mu kanya ndi bukomeze mbagezaho amatangazo yanyu, ndi buhere ku matangazo abika (fond musical), ubwo nkaba nasaba...

...ya Rugando ee... muri Segiteri ya... Kimihurura hariya muri Komine Kacyiru. Aho rero koko hari umutekano mubi mu minsi yashize, ndetse no ku wa kane w'icyumweru gishize, hakaba hatari hari umutekano uhagije bitewe n'abantu baba ba...rashyamiranye, ariko kandi nanyarukiyeyo ngerageza kureba uko ibyo bintu byifashe, cyane cyane ko bavugaga ko ubwo bwumvikane buke buri hagati y'abategarugori bahaturiye, ngerageza kumenya ibyo bintu ibyo ari byo neza, nyarukirayo ndareba, ee... noneho kubera ko n'ibyo bintu babishyiragamo responsable wa selire RU... RUGANDO na we nagerageje kumureba, bose turaganira, ee... bagira ibyo bantagariza, ubwo rero na yo ikaba ari inkuru yerekeranye n'umutekano muri selire ya Rugando ku buryo na byo twaza gukurikirana uko uwo mutekano wifashe hariya hakurya muri selire ya Rugando ya segiteri Kimihurura muri Komine Kacyiru.

Mu Biryogo rero na none haravugwa abagabo babiri bibwe, hari uwitwa KANYAMUGENGE, hakaba n'uwitwa KARURINGISA, bakaba ngo ba... bibwe ibintu byo mu nzu harimo matela n'amashuka ngo bakaba babitwaye ariko ngo na bo bakaba ee... bafite umugambi ngo wo kujya kubigaraza, ariko kandi ngo baka...bigaraza nijoro, ubwo rero abo bantu niba koko bibwe, nabasaba ko bashyikiriza ikibazo cyabo inzego zibishinzwe, batarinze kujya kubigaraza nk'uko bo babyifuza kandi ngo bakabikora nijoro, niba bazi abantu babatwaye ibyo bintu, bari bakwiye kwegera ubutegetsu bakabasobanurira ikibazo cyabo uko giteye noneho ubutegetsu bukaba ari bwo bwashobora kubagaruriza ee... biriya bintu byabo.

Ubu rero nagira ngo nkomereze ku matangazo yo kubika:

Umuryango wa MUKANDINDA...

...mirongo itatu n'itandatu muri studio zacu. Nk'uko rero mubimenyereye ubundi mugezwaho amakuru saa moya n'iminota mirongo itatu, ariko kubera ko nari nkitaba ngishakisha andi makuru, bakimpa andi makuru, harenzeho iminota itandatu.

Ubu rero muri aka kanya nkaba ngira ngo dutangire amakuru yacu. Muri u... kuri uyu mugoroba rero